

by'ipamba ; ibishogoshogo by'uburo (ibyo byose ubyiyambaje bishobora kuguha uruvange rw'umurama rwiza). Twifashisha ubwoko bw'ibyatsi bw'ibihingwa byinshi binyuranye kandi biboneka muri aka Karere kacyi mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

Ibikoresho bifashisha mu gutegura umurama :

Imbingo,
Ibikongorwa by'ibisheke,
Ibikenyeri by'amasaka,
Ibigorigori n'ibindi,
Imashini eshatu

Nyuma yo kubona ibyo bikoresho nibwo utangira gutegura umurama nyirizina.

Kumisha imbingo

Kubisya n'imashini ikabihinduramo ifu.

Kubishyira mu mashini ya 2 irimo amazi ikabihindura umutsima

Kubishyira mu mashini ya 3 ikabiha forme y'agacupa (tube) ari naho bizaguma kugeza igihe cyo kubitera .

Iyo umaze kuzikura mumashini ya 3 ubijyana ahandi hantu wateguye neza ukaziterera ku mbaho, twa ducupa (tube) uba wadushyize ku gatebo kabugenewe

Ubwo uba wateguye n'ingunguru ifite amatiyo 2 n'amazi ugacanira, ya matiyo akohereza umwuka ushyushye hahandi hateretse twa tudobo turimo twa ducupa ukabirekera aho igihe cy'amasaha 24 kugirango ukore sterilisation.

Nyuma yayo masaha tuba tumaze guhora neza (tubes) ushyiramo umwami (innoculation hanyuma ukayijyana muri chambre ya incubation (Guhumbika : umurama ukwirakwira muri ya shashi (tube) mu gihe cy'iminsi iri hagati ya 30 – 45 ibitswe ahantu hafite ubushyuhe buri hagati ya dogere 20 – 24.

Ibikoresho nkenerwa byo kuvangira umurama mu ngano (quantité)

ibikoresho	%	ingano
Ifu y'urubingo	78%	39 Kg
son de riz	20%	10kg
ishwagara	2%	1kg
ifumbire (urée)	0.2%	0.1kg

Ibi byose ukabivanga n'amazi angana na 65 l.Ibi bikora imigina 100, uko umurama ugenda ukwira mu matubes

2.2. NI GUTE DUHINGA IBIHUMYO



Aho duhinga ibihumyo (igisharagati – ikibandahure)
Mu buhinzi bw'ibihumyo singobwa kubaka inzu ikomeye, ihenze, isaba

ibikoresho bihambaye cyangwa ubundi buhanga. Ubuhehere, n'urunyurane rw'umwuka nibwo byitabwaho (bikenewe)
Urugero rw'Ikibandahure /Igisharagati cya mpande eshatu (Triangle shelter).

Uburebure : 8m

Ubugali : 3.6m

Ubugalike :2.8m

Umutabo umwe ugira :7m x 0.9m. x 0.2m/0.3

Icyitonderwa : 1m2 ucyaho imigina 64

Iyo umaze gukora igisharagati ukuramo uturingoti dufite hagati ya cm 25 na 30 uzateramo imigina yawe, warangiza ugafata imigina (tubes) ugakuraho ya shashi no neho ugaterera mu butaka utondekanya ku murongo , warangiza ukorosaho agataka ka cm 1 noneho ukavomerera n'amazi. Iyo umaze kuvomerera ushyiraho isashe igondeye ku biti kugira ngo hagumemo ubuhehere kandi here kumagana kugeza igihe bitangiye kuzamuka

Igihe ibihumyo bizamuka.



Iyo byatangiye kuzamuka, utwikurura ya sashe mbere ya saa moya za mugitondo mu gihe cy'igice cy'isaha igihe imvura itaguye, ukongera gutwikurura nanone igice cy'isaha izuba rirenze.

Mu gihe cy'ubushuhe bwinshi ushobora gusuka amazi hahandi hateye byibura (300ml/umugina) buri kigoroba kugeza igihe ibihe bibaye byiza, kandi ukirinda gusuka amazi ku bihumyo bizamuka

REPUBLIKA Y'U RWANDA



IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE
UBUHINZI BW'IMBUTO, IMBOGA N'INDABYO (RHODA)

UBUHINZI BW'IBIHUMYO



Byateguwe na :

Rwanda Horticulture Development Authority (RHODA)

P.O.BOX : 621 Kigali / Tél : 0252585249

E-mail : rwtfh2006@yahoo.com / Website : www.rhoda.gov.rw

INTANGIRO

Muri iki gihe, abahinzi borozi bahura n'ibibazo bitoroshye ubutaka buhingwa bugabanuka buri munsu, umusaruro wabwo nawo ukagenda ugabanuka kandi no kugera ku ntego yo kwihaza mu biribwa no kurwanya ikibazo cy'imirire mibi ntibyoroshye. Kuri ubu hatekerejwe uburyo ubutaka buto dufite bwabyazwa umusaruro mu gihe gito kandi bukabyara inyungu ku buryo byafasha umuturage kubona ibimutunga. Uburyo tugiye kubagezaho bukaba ari ubuhinzi bw'ibihumyo bihingwa mu butaka bwitwa *Pleurotus Ostreatus*.

Iyi nfasanyigisho irasobanura uburyo bworoshye kandi bunononsoye bwo guhinga ibihumyo byo mu butaka, iragaragaza akamaro ntungamubiri k'ibyo biribwa, ikerekana umusaruro ndinganire w'ubuhinzi bw'ibihumyo.

AMATEKA Y'IBIHUMYO N'AKAMARO KABYO AMATEKA KU BIHUMYO BIRIBWA

Ubusanzwe ibihumyo babikundira uburyohe bwabyo ndetse no kuba bikungahaye ku ntungamubiri. Ubundi abantu bari bamenyerereye ibihumyo byimeza. Ubushakashatsi kuri icyo gihingwa bwatangiye kera, ariko ntibwigeze bugera ku ntego. Ibitabo bigaragaza ko igihumyo bita «Oreille de Judée» (*Auricularia*) cyatangiye guhingwa mu myaka 600 nyuma y'ivuka rya Yezu.

Mu Bufaransa, igihumyo cyitwa *Agaricus* cyatangiye guhingwa guhera mu 1650 gikwirakwira mu bihugu byinshi byo ku isi nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose.

Mu Rwanda, kuva 1986 nibwo umugabo TECHNOSERVE yatangiye guteza imbere ubuhinzi bw'ibihumyo byo rwego rwa *Pleurotus* mu Rwanda, icyo gihe kandi yatangiye no kwigisha uburyo bakora umurama wabyo. Nyamara icyo gihe ibihumyo byahingwaga n'abantu batuye mu mijyi nka Kigali na Butare gusa, ntibyigeze bikwira ahantu henshi kuko leta itigeze iteganya uburyo bwo kubishyigikira no kubyamamaza; kandi hakaba hari hakiraho inzitizi z'umuco.

Mu 1997, nibwo PNUD yongeye gutera inkunga icyo gihingwa cy'ibihumyo no kwigisha abantu bibumbiye mu mashyirahamwe gukora imirama, ariko kugeza 2003 byari bigikorwa n'abantu bacye bitarakwira hose. Hakaba harahingwaga ibihumyo byo mu nzu gusa. Kuva muri 2003 nibwo MINAGRI yashyize ingufu

mu guteza imbere ubuhinzi bw'ibihumyo bihingwa mu butaka (JUNCAO Technology), kugeza ubwo muri 2006 hatangijwe uruganda rukora umurama w'ibihumyo hifashishijwe JUNCAO Technology.

AKAMARO KO GUHINGA IBIHUMYO

Ibihumyo bifite akamaro gakurikira:

Ibihumyo bigira intungamubiri nyinshi cyane, zikubye 2 ugereranije n'inyama ndetse n'ibindi bihingwa duherereye ko bikize ku ntunga mubiri nka proteine, imyunyu ngugu n'amavimane amwe n'amwe (B1, B2), nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

IKIGERERANYO CY'IBIHUMYO N'IMBOGA ZISANZWE.

IKIGERERANYO CY'INTUNGAMUBIRI DUSANGA MURI IZO MBOGA	IBIHUMYO	AMASHU	KAROTI	IBISHYIMBO BY'IMITEJA
Calories pour 100g	-	17	-	32
Glucides	6.2	-	-	-
Protéines	27-3.02	1.1	1	2.2
Lipides	0.56	0.2	0.2	0.2
Riboflavine (mg/100gr)	44	0.03	0.004	0.11
Niacine (mg/100gr)	1.6	0.2	0.6	0.5

Mu buzima:

Mu rwego rw'Imibereho y'abantu:

Ibihumyo birinda indwara z'imirire mibi,

Ibihumyo bituma igifu gikora neza;

Ibihumyo byongerera ubushobozi bw'umubiri mukwirwanaho

Ibihumyo birinda indwara zijyanye no kugira amaraso make.

Ibihumyo bisaba ahantu hato cyane kandi bikera ku butaka ubwo aribwo bwo mu Gihugu ku buryo n'imiryango ikennye cyangwa ituye mu mujyi ishobora kubihinga.

Urugero: kuri 1m² iri mugisharagati haterwa imigina 64, umugina umwe ushobora gusarurwaho kuva ku 400g kugeza ku kg 2.5 mu gihe cy'amezi atatu.

Ibihumyo byerera igihe gito cyane hagati y'iminsi 7-10 uba utangiye gusarura, kandi ukamara amezi 3 usarura ahantu hamwe mu bihe bitandukanye;

Mu rwego rw'Ubukungu:

Gutangira ntibisaba amafaranga menshi, kuko ibihumbi 20000 bishobora guhinga nibura m² 2 kandi ukaba ushobora gusarura umusaruro wagurisha kugeza ku mafaranga ibihumbi ijana na mirongo inani kugeza ku bihumbi magana abiri (180.000-200.000), ibi rero bikaba byatuma n'abakene babihinga.

Ibihumyo ntibisaba ikorana buhanga rihambaye (rihanitse).

Ni igihingwa ngenga bukungu kuko ku masoko asanzwe mu gihugu igiciro k'ibihumyo kiri hagati ya 1000 na 2000 frw;

Ibihumyo bifasha urubiruko n'abagore kwihangira imirimo kandi bishobora kuba igisubizo cy'ubukene mu Rwanda.

IKIGERERANYO CY'IBIHUMYO N'IBIKOMOKA KU MATUNGO

AHO BIVA	INTUNGA MUBIRI K'UMUTURAGE KU MWAKA	AKAMARO BITANGA	ICYO BITANGA K'UMUTURAGE KU MWAKA	ICYO BITANGA MURI RUSANGE
Amata	750gr	36gr/kg	20.3kg	165.005T
Inyama z'inka	365gr	149gr/kg	2.45kg	19.915
Inyama z'ihene	438gr	62gr/kg	2.70kg	21.946
Inyama z'ingurube	292gr	117gr/kg	2.50kg	20.320
Inyama z'inkwavu n'inkoko	110gr	160gr/kg	0.69kg	5.608
Inyama z'amafi	110gr	162gr/kg	0.68kg	5.527
Amagi y'inkoko	146gr	107gr/kg	1.36kg	11.055

UKO IBIHUMYO BIHINGWA

Hari uburyo bubiri butandukanye bwo guhinga ibihumyo:

Hari ibihumyo bihingwa mu nzu hari n'ibyo bahinga mu butaka; ibyo twibandaho muri iyi mfashanyigisho akaba ari ibyo mu butaka

IBIGIZE IGIHINGWA CY'IBIHUMYO

***Umurama** : Ni uruvange rw'ibyatsi biseye bongeramo umwayi bikamara iminsi 40 kugeza kuri 45 ngo umurama ube wakwiraye muri tube hose (ugeze igihe cyo guterwa)

Dukoresha ibi bikurikira mu gukora umurama: urubingo; ibikatsi by'ibisheke; ibigorigori; ibishekesheke; ibikenyeri; ibishogoshogor by'ingano; by'ibishyimbo; by'umuceri, ibibarara